# 366: Ngutuy' ubugingo bwanjye, Yesu

1. Ngutuy' ubugingo bwanjye, Yesu, Mwana w'lrnana; Ubwakire n'urukundo, Ngo bub' ubwaw' iteka.Nkuzaniy' ibyaha byanjye N'umutim' unangiwe : Mu maraso wamviriye, Unyoze, Mucunguzi.

2. Uz' uko mpora nirwanya Ngo nkomez' umutima; Uz' uko nari merewe N'ishavu n'agahinda. Ububasha bwawe. Mwami,Bundokore mu byaha Kand' Umwuka w'ubugingo Ujy' unkura mu bibi.

3. Nemeye kwitanga rwose,Nta cyo nishigarije; Mpisemo kujyana nawe No kukumvira, yesu. Njye nkuyobokan' ishimwe Kukw ari wow' ubimpa; Ujy' unyobor'inzir' ijya Mu bwami bwawe bwiza.

4. Reb' uyu muhigo mpize Nibwo nzivuguruza. Wukomeresh' amaraso N'urukundo wankunze. Itek' iyo nirebyeho,Ndiheba, nkazimira; Ariko kuk' ujy'unkunda, Uzamfasha, Mukiza.

Visit us at burundi.indirimbo.com